Repubulika y'u Rwanda
Ubutegetsi bw'Ubucamanza

## ITANGAZO RY'IBYEMEZO BY'INAMA NKURU Y'UBUCAMANZA

None ku wa gatanu, ku itariki ya 27 Kamena 2025, Inama Nkuru y'Ubucamanza yateranye, iyobowe na Madamu MUKANTAGANZWA Domitilla, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza, ifata ibyemezo birimo ibi bikurikira:

I. **Yemeje ibyemezo byafashwe by'agateganyo na Biro y'Inama Nkuru y'Ubucamanza**

II. **Yahannye Umwanditsi n'Umucamanza bahamwe n'amakosa y'imyitwarire bakurikira:**

1) **Bwana UWITONZE Célestin,** wari Umwanditsi Mukuru w'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyagatare, yahanishijwe kwirukanwa burundu nyuma yo guhamwa n'amakosa y'imyitwarire iganisha kuri ruswa no kumena ibanga ry'akazi;

2) **Madamu UWINGABIYE Delphine**, wari Umucamanza mu Rukiko rw'Ibanze rwa Gatunda, yahanishijwe kwirukanwa burundu mu kazi nyuma yo guhamwa n'imyitwarire iganisha kuri ruswa.

III. **Yasezereye ku kazi nta mpaka, Bwana UWAMUNGU Emmanuel, wari Perezida w'Urukiko rw'Ibanze rwa Gatunda** wataye akazi kugira ngo adakurikiranwaho amakosa y'imyitwarire iganisha kuri ruswa yakekwagaho.

URUKIKO RW'IKIRENGA - THE SUPREME COURT

IV. **Yashyize mu myanya abayobobozi b'inkiko n'Abacamanza mu buryo bukurikira :**

1) <u>**Abayobozi mu Nkiko Zisumbuye**</u> :

a) **Madamu Uwimana Christine**, yagizwe Perezida w'Urukiko Rwisumbuye rwa Muhanga
b) **Madame Murebwayire Imanzi Alphonsine,** wari Perezida w'Urukiko Rwisumbuye rwa Muhanga, yimuriwe mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo nka Perezida warwo.
c) **Bwana Sibomana Alexandre**, yagizwe Visi Perezida w'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge.
d) **Bwana Macumu Sindahangarwa Xavier,** wari Visi Perezida w'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyaugenge, yimuriwe mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, nka Visi Perezida warwo.

2) <u>**Abacamanza mu Nkiko Zisumbuye**</u>

a) **Bwana Nshimiyimana Justin**, yagizwe Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge
b) **Madame Mukambaraga Jeanne**, yagizwe Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Ngoma

3) <u>**Mu Nkiko z'Ibanze :**</u>

a) **Murenzi Pacifique,** yagizwe Perezida w'Urukiko rw'Ibanze rwa Nyagatare.
b) **Ndacyayisenga Jean Paul,** yagizwe Perezida w'Urukiko rw'Ibanze rwa Gatunda.
c) **Nzayisenga Aaron,** yagizwe Perezida w'Urukiko rw'Ibanze rwa Ngororero.
d) **MUSABYEYEZU Aimée Solange,** yagizwe Perezida w'Urukiko rw'Ibanze rwa Muhoza.
e) **NDIHOKUBWAYO ANGE AGNES,** wari Perezida w'Urukiko rw'Ibanze rwa Ngororero yimuriwe mu Rukiko rw'Ibanze rwa Kiramuruzi nka Perezida warwo.

V. **Yanashyize mu kazi burundu Abacamanza 10, n'Abanditsi 6 b'Inkiko barangije igihe cy'igeragezwa.**

URUKIKO RW'IKIRENGA - THE SUPREME COURT

VI. **Yemereye mu nyungu z'akazi Abacamanza bakurikira, basabye gukomeza gukora nyuma yuko bujuje imyaka isanzwe yo kujya mu kiruhuko cy'izabukuru:**

1. **KAZUNGU Jean Bosco** : Umucamanza mu Rukiko rw'Ikirenga
2. **NGAGI MUNYAMFURA Alphonse** : Umucamanza mu Rukiko rw'Ubujurire
3. **KANZAYIRE Bernadette** : Visi Perezida w'Urukiko Rukuru

VII. **Yimuye bamwe mu bacamanza n'Abanditsi b'Inkiko mu nyungu z'akazi.**

VIII. **Yemereye guhagarika akazi mu gihe kitazwi abanditsi b'inkiko bakurikira :**

1. **Uwimbabazi Seraphine**, wari Umwanditsi mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gicumbi
2. **Nsengiyumva Etienne**, wari Umwanditsi mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge
3. **Twagiramariya Odette**, wari Umwanditsi mu Rukiko Rwisumbuye rwa Huye

Bikorewe i Kigali, ku wa 27/06/2025

**MUTABAZI Harrison**
**Umugenzuzi akaba n'Umuvugizi w'Inkiko**